



YA POLITIKI MU RWANDA

IHURIRO RYIZIHIJE ISA-BUKURU Y'IMYAKA 20 RI-MAZE RIGIYEHO



Mu kwizihiza isabukuru y'imyaka 20 Ihuriro rimaze rigiye, haganiriwe ku ruhare rw'Imitwe ya politiki n'Ihuriro mu miyoborere y'u Rwanda no kubaka ubwumvikane muri politiki nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Muri gahunda y'ibiganiro nyungururanabitekerezo bitezurwa n'Ihuriro, tariki ya 10 Ugushyingo 2023, Ihuriro ry'Ighugu Nyungururanabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye inama nyungururanabitekerezo yibanze ku ruhare rw'Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize mu guteza imbere imiyoborere myiza no kubaka ubwumvikane nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Inama yitabiriwe n'abantu banyuranye barimo abayobozi mu nzego za Leta, abayobozi b'Imitwe ya politiki, abashakashatsi, urubyiruko, imiryango itegamiye kuri Leta, Urwego rw'abikorera ndetse n'itangazamakuru.

Inama yatangijwe n'umuvugizi w'Ihuriro, Depite Nizeyimana Pie; wavuze ko inama ifite intego zikurikira:

- Gusuzuma uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu miyoborere y'u Rwanda no kongera kubaka Ighugu nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
 - Kugaragaza uruhare rw'Ihuriro ry'Ighugu Nyungururanabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki mu kubaka ubwumvikane no guteza imbere ituze muri politiki nyuma y'imyaka 20 rimaze rigiye;
 - Kungurana ibitekerezo ku cyo Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize bikwiye gukora, mu gukomeza kubungabunga ibyagezweho mu miyoborere, guteza imbere indangagaciro y'ibiganiro, ubworherane, no kubaka ubwumvikane muri politiki.
 - Muri iyi nama hatanzwe ibiganiro bibiri. Ikganiro cya mbere cyibanze ku **"Miyoborere y'u Rwanda mu ruhando rw'Imitwe ya politiki myinshi nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994: ibyaranze iyo miyoborere, imbogamizi, n'ingamba"**, cyatanzwe na Dr. Mushimiyima Emmanuel, umwalimu akaba n'umushakashatsi muri Kaminuza y'u Rwanda afatanyije na Hon. Mukabaranga Agnes. Ikganiro cya kabiri cyagarutse ku **"Uruhare rw'Ihuriro n'Imitwe ya politiki mu kubaka ubwumvikane n'ituze muri poliriki, n'ingamba zo gu-**
 - komeza guteza imbere ubworherane n'u-muco w'amahoro" cyatanzwe na Prof. NZEYIMANA Isaïe, umwalimu akaba n'umushakashatsi muri kaminuza y'u Rwanda, afatanyije na Hon. Rutaremara Tito na Depite Mukabunani Christine. Muri iyi nama hashimwe ko mu rwego rw'imiyyoborere y'u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994:
 - Icipimo cy'ubumwe, ubwiyunge n'ubu-daheranwa by'Abanyarwanda cyazamutse. Inzego zinyuranye zikaba zarabigizemo uruhare, imitwe ya politiki, amadini, inzego z'umutekano n'urwego rw'abikorera. Akaba ari nayo mpamvu hashyizweho Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneraghugu (MINUBUMWE);
 - Nta higana rishingiye ku bwoko muri politiki rikibaho. Abantu bahigana bagaragaza ibikorwa n'ibitekerezo byumvikanisha icyo bazamarira abanyarwanda;
 - Nta mitwe ya politiki ishingiye ku turere, ku madini cyangwa ku moko ikibaho mu Rwanda;
 - Kubahiriza uburenganzira bwa muntu mu rwego rwa politiki byarazamutse;
 - Amatora mu Rwanda asigaye akorwa mu mahoro, kandi ibyayavuyemo bikakirwa neza. Ihohotera n'imviruru byabagaho mu gihe cy'amatora byararangiye;
 - Gusangira ubutegetsi birubahirizwa. Umutwe wa Politiki wabonye amajwi menshi mu matora y'Abadepite ntushobora kurenza 50% by'abagize Guverinoma. Ikindi ni uko Perezida wa Repubulika na Perezida w'Umutwe w'Abadepite badashobora guturuka mu mutwe umwe wa politiki;
 - Ubushakashatsi RGB yakoze bugaragaza ko Imitwe ya politiki yo mu Rwanda muri iki gihe yubahiriza amategeko ku rugero rushimishije cyane (100%);
 - Umubare w'urubyiruko, abagore n'abantu bafite ubumuga wariyongereye mu nzego za Leta;
 - Imikoranire mu mutwe wa politiki no hagati y'imitwe ya politiki igenda irushaho kuba myiza. Buri Mutwe wa Politiki ufite urwego rushinzwe gukumira no gukemura amakimbirane. Ihame ngenderwaho ni ugushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane bus-esuye;
 - Gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano mu rwego rw'imiungire y'umutungo w'umutwe wa politiki byariyongereye. Buri Mutwe wa Politiki ufite urwego rushinzwe kugenzura imicungire n'imi-koreshereze y'umutungo w'umutwe wa politiki;
 - Uburenganzira bwo kuvuga icyo utekereza n'ubwuhahane hagati y'imitwe ya politiki n'abanyapolitiki byariyongereye;
 - Umuco w'ibiganiro, ubworherane n'amahoro warazamutse;
 - Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kudahezwa, no gusangira ubutegetsi byarazamutse ku rugero rwa 94.25% hakurikijwe ubushakashatsi bwa RGB (2023);
 - Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage mu nzego z'ibanzie bigeze ku rwego rushimishije. Imbaraga zakomeza gushyirwa mu gushishikariza abaturage kwitabira ibikorwa bibateza imbere mu rwego rw'imi-bereho n'ubukungu.
- Muri iyi nama, hatanzwe ibyifuzo-nama bigari bikurikira:
- 1) Imitwe ya Politiki yasabwe kurushaho gusobanurira abatarumva n'abirengagiza nka-na impamvu u Rwanda rwahisemo kugendera kuri demokarasi y'ubwumvikane;
 - 2) Kongera imbaraga mu kwigisha ibyiciro byose by'Abanyarwanda amahitamo y'u Rwanda yo kugendera kuri demokarasi y'ubwumvikane (ikigishwa guhera mu mashuri abanza kugera muri kaminuza, n'abaturage bakajya bagenerwa umwanya wo kuyisobanurirwa);
 - 3) Imitwe ya Politiki ikwiye kujya isubiza abanyamahanga n'imiryango mpuzamahanga banenga demokarasi y'ubwumvikane u Rwanda rugenderaho, kandi hakagaragazwa n'impamvu ari yo rwahisemo;
 - 4) Gutegura kenshi inama nyungururanabitekerezo igaragaza uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'Ihuriro mu miyoborere y'u Rwanda, kandi ibitekerezo byayitangiwemo bikamenyeshwa Abanyarwanda hakoreshejwe uburyo bwose bushoboka, harimo n'imbuga nkoranyambaga;
 - 5) Kongera imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga mu bukangurambaga bw'abaturage no mu kubigisha politiki na gahunda za Leta, hitawe ku buhanga bugezweho (nka artificial intelligence, n'ubundi...);
 - 6) Gukomeza guteza imbere indangagaciro yo kujya inama, gutega amatwi abandi, koroherana no gushaka umuti w'ibibazo binyuze mu nzira z'amahoro;
 - 7) Ihuriro rikwiye gushakirwa ubushobozi buhagije (ingengo y'imari, abakozi n'ibikore-sho) butuma riba Ikigo (Hub) cyongera ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere, n'abanyamahanga bakajya baza kuhashakira ubumenyi (Hub for political and leadership Training Program);
 - 8) Gukomeza gushyigikira Ishuri ry'Ihuriro ryigisha Politiki n'Imiyoborere (YPLA) kugira ngo hongerwe umubare munini w'abaryigamo, kandi abaryizemo bakajya bagenerwa amasomo n'ibiganiro nkarishya bwenge (refresher courses) kugira ngo barusheho kumenya impinduka zibaho no kujiana n'ibhe;

9)Ibiganiro Ihuriro ritegura ku rwego rw'Igi-hugu, bikwiye kujya bitemperwa no ku rwego rw'Intara n'Uturere kugira ngo Abanyarwanda barusheho gusobanukirwa imikorere y'imite ya politiki muri demokarasi n'akamaro k'Ihuriro mu guteza imbere ubwumv-kane muri politiki;

10) Ihuriro rikwiye kugarura Gahunda y'ama-hugurwa agenewe abayobozi mu Mitwe ya Politiki.

KOMISIYO ZIHORAO Z'IHURIRO ZARATERANYE MU NAMA ZAZO ZIS- ANWE Z'IGIHEMBWE CYA KABIRI

Nk'uko bitemperwa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, muri iki gihembwe cya kabiri (Ugushyingo – Ukuboza 2023), Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro zarateranye mu nama zazo zisanzwe. Inama za Komisiyo z'Ihuriro ziterana buri mezi abiri mu nama zazo zisanzwe. Akaba ari muri urwo rwego:

Komisiyo ishinzwe Itumanaho no Kungura ibitekerezo, yateranye tariki ya 08 Ukuboza 2023, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Madamu **NYIRANEZA Esperance**.



Komisiyo ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego, yateranye tariki ya 12 Ukuboza 2023, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo **Hon. RUTAREMARA Tito**.



Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane yateranye tarikiya ya 13 Ukuboza 2023, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo **Senateri NKUSI Juvenal**.



Buri Komisiyo yasuzumye ingingo zижyane n'inshingano zayo.

Komisiyo y'igihugu y'amatora yaganiri-je Inama Rusange y'Ihuriro ku myiteguro y'Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ateganyijwe mu 2024



Tariki ya 14 Ukuboza 2023, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyun-guranabitekerezo ry'Imite ya Politiki yarateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite Nizeyimana Pie** igirana ikiganiro na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora **Hon. Gasinzigwa Oda**; ku "Imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ateganyijwe muri Nyakanga 2024". Mu kiganiro cye, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagaragaje ko Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda riteganya ko Itora rya Perezida wa Repubulika rikorwa ku munsi umwe n'itora ry'Abadepite 53 batorera kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo; bakaba batorwa mu matora rusange ataziguye ku buryo busaranganya imyanya. Mu gukomeza kunoza imyiteguro y'amatora azaba, intumwa za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora zasobanuriye Inama Rusange y'Ihuriro ko hanogejiwe ibirebana n'amategeko arimo Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, Itegeko Ngenga rigenga amatora, Iteka rya Perezida ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite n'amabwiriza ya

Komisiyo y'Ihigugu y'Amatora agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite mu mwaka wa 2024. By'umwihi-riko ku birebana n'amabwiriza, Imitwe ya Politiki yasabwe gutanga ibitekerezo n'inama kugira ngo bifashe Komisiyo kuyanoza. Imitwe ya Politiki ikaba yagaragarijwe ibikorwa by'ingenzi bikubiye muri ayo mabwiriza, ari byo:

- Ibirebana n'indorerezi z'abenegihugu;
- Ibirebana no Kwamamaza umukandida;
- Kwiyamamaza no kwamamaza abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika n'Abadepite;
- Ibibuijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza umukandida;
- Imiterere y'urupapuro rw'itora;
- Agasanduka k'itora;
- Gutangaza ibyavuye mu itora;
- N'ibindi bikorwa by'ingenzi birebana n'imyiteguro y'amatora;

Perezida wa Komisiyo kandi yagaragaje ko

itegurwa ry'iyi mishinga bikiri mu gihe cyo kwakira ibitekerezo akaba ari yo mpamvu baje kuganira n'abahagarariye Imitwe ya Politiki nk'abafatanyabikorwa b'ibanz. Muri iki kiganiro, Imitwe ya Politiki yatanze ibiteke-rezo bizafasha Komisiyo kurushaho kunoza imyiteguro kugira ngo amatora azagende neza kandi buri munyarwanda yayagizemo uruhare. Bimwe mu bitekerezo byatanzwe harimo:

- Gukora ku buryo mu cyumba cy'itora ha-tazaba urujijo ku masanduku azashyirwamo impapuro zatoreweho Perezida wa Repubulika n'izatoreweho Abadepite;
- Mu gushyira udusanduku tw'itora mu cyumba cy'itora, tuzashyirwemo dutan-dukanye, ndetse n'abatanga impapuro z'itora ry Perezida wa Repubulika n'ry'Abadepite, nabo bazabe batandukanye ku buryo uje gu-tora Perezida wa Repubulika aba areba neza aho agiye gutorera ntayobere kuhatorerwa Abadepite;
- Komisiyo kandi yagiriwe inama yo gu-komeza kunoza ibirebana no kwiyamamaza, ku buryo hataboneka impaka zishingiye ku myiteguro itanoze;
- Mu gihe cy'amatora, ni ukwitondera imi-koreshereze y'ikoranabuhanga, ku buryo iryo koranabuhanga rikoreshwa neza ntiribe in-tandaro yo kugira ibyangizwa cyangwa ngo bikurure amakimbirane.



Mu bindi, Inama Rusange yamaganye ama-gambo y'ubushotoranyi yuzuyemo ibitutsi atangazwa na Perezida wa Repubulika Ihara-nira Demokarasi ya Kongo Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo ashinja u Rwanda kugira uruhare mu ntambara iri kubera mu Burasirazuba bw'Igihugu cye no kwibasira Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Nyaku-bahwa KAGAME Paul; mu gihe Tshisekedi akomeje gushyigikira no gukorana n'Umutwe w'iterabwoba wa FDLR wasize ukoze Jenoside mu Rwanda kandi ukaba ukomeje no gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere. Inama Rusange yagaragaje ko Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo akomeje gushyigikira ubwicanyi bukorerwa Abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyar-wanda akaba ashishikariza abaturage b'Abanyekongo kubwitabira aho gushaka umuti w'ibibazo byugarije igihugu cye. Inama Rusange yamaganye ibyo bikorwa by'ubwicanyi n'ubushotoranyi bikorwa n'Ubwicanyi bukurwa bwa Repubulika Ihara-nira Demokarasi ya Kongo. ■